# AMABWIRIZA AGENGA ''FERWAFA YOUTH LEAGUE 2023-2024''

## IRANGASHINGIRO

Hashingiwe ku ngingo ya 2 n'iya 33 by'Amategeko Shingiro ya FERWAFA n'ingingo ya 28 y'Amategeko Ngengamikorere ya FERWAFA;

Hashingiwe ku ngingo ya 12 n'iya 13 by'amabwiriza agenga amarushanwa ya FERWAFA yo ku wa 26/11/2020;

Hashingiwe ku byemezo by'Inama ya Komite Nyobozi ya FERWAFA yo ku wa 20/09/2023;

Hagendewe ku nama nyunguranabitekerezo ku mabwiriza agenga irushanwa rya FERWAFA Junior League 2023/2024 yahuje FERWAFA n'amakipe ku wa 26/09/2023;

Twemeje Amabwiriza akurikira:

## I. INGINGO RUSANGE

**Ibisobanuro by'amagambo:**

- **FERWAFA:** Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda
- **License:** Uruhushya ruhabwa umukinnyi rumwemerera gukina no kwitabira amarushanwa
- **IFAB:** Inama y'Ubuyobozi y'umupira w'amaguru ku isi.
- **Komite Nyobozi:** Urwego Ngengamikorere kandi ruyobora FERWAFA
- **Amategeko agenga Umukino:** Amategeko agenga umukino ashyirwaho na IFAB hakurikijwe ingingo bijyanye z'amategeko rusange ya FIFA.
- **Umukinnyi:** Umukinnyi w'umupira w'amaguru wese wanditswe muri FERWAFA.
- **Ikipe:** Ikipe yiyandikishije kandi yemerewe gukina irushanwa rya FERWAFA youth league
- **CTP:** Umujyanama mu bya tekiniki uhagarariye FERWAFA muri ''League''.

- **Umuyobozi:** Buri muntu wese uri mu nama y'ubuyobozi (harimo abagize komite nyobozi), uri muri komite nyobozi, umusifuzi, uwungirije umusifuzi, umutoza, utegura abakinnyi ndetse n'undi muntu uwo ari we wese ushinzwe tekiniki, ubuvuzi ndetse n'ubuyobozi muri FIFA, muri CAF, muri FERWAFA, mu ihuriro ry'umupira w'amaguru cyangwa mu ikipe cyangwa abandi bantu abo ari bo bose bagengwa n'amategeko shingiro ya FERWAFA (usibye abakinnyi n'abahuza).

- **Icyitonderwa:** Amagambo yerekeza ku bantu ku giti cyabo akubiyemo ibitsina byombi. Amagambo ayo ari yo yose ari mu bumwe asobanura ubwinshi kimwe n'uko ari mu bwinshi asobanura ubumwe.

FERWAFA Youth League 2023-2024 izitabirwa n'amakipe y'abakiri bato (junior teams) ashamikiye ku makipe makuru akina muri shampiyona y' ikiciro cya mbere n'icya kabiri mu Bagabo no mu Bagore zitegurwa na FERWAFA z'umwaka w'imikino wa 2023-2024 (muri aya mabwiriza FERWAFA Youth League ikitwa irushanwa) bakazakinira mu bice bitandukanye bitewe n'aho amakipe abarizwa (Muri aya mabwiriza ibyo bice bikitwa '

**'Ligue cyangwa League'').** Irushanwa riteganyijwe gutangira kuya **28/ 10/ 2023.**

**- LIGUE EST**
**- LIGUE NORD**
**- LIGUE SUD and WEST**
**- LIGUE CENTRAL**

## 1. Icyo aya mabwiriza agamije n'abo areba

Aya mabwiriza ashyizweho hagendewe ku ntego zigamijwe kugerwaho mu iterambere ry'umupira w'amaguru mu Rwanda no gushyiraho umurongo w'ibisabwa bizagenderwaho haba mu bijyanye no kwemerera amakipe kwitabira irushanwa ndetse no mu bijyanye n'imigendekere y'imikino yose igize irushanwa

Aya mabwiriza arareba abakinnyi, abayobozi b'imikino n'abahagarariye FERWAFA, abayobozi b'amakipe. abareba imikino n'abandi bafatanyabikorwa barebwa n'imigendekere myiza y'irushanwa.

## 2. Ibirebana n'abayobozi b'imikino (match officials) n'abahagarariye FERWAFA

Komisiyo ishinzwe imisifurire ifatanyije n'aba CTP niyo izajya igena abasifuzi bayobora imikino mu gihe Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA aribwo bushinzwe gushyiraho abayobozi b'imikino n'abandi bahagararira FERWAFA mu gihe bibaye ngombwa hagamijwe imigendekere myiza y'irushanwa bubifashijwemo n'aba CTP. Uko byagenda kose, umukino ugomba gusifurwa n'abasifuzi nibura 3.

Inshingano z'abayobozi b'imikino ziteganywa n'Amabwiriza ya FERWAFA agenga amarushanwa.

### 3. Amasaha imikino itangiriraho n'ibibuga

Ubunyambanga Bukuru bwa FERWAFA binyuze ku ba CTP bufite ububasha bwo gushyiraho cyangwa guhindura ikibuga, amatariki n'igihe imikino izajya iberaho.

Ikipe ifite impamvu zifatika kandi zumvikana zituma batazitabira umukino, babimenyesha ubunyamabanga bukuru biciye ku ba CTP nibura mbere y'iminsi 2. Ubunyamabanga Bukuru bushobora kwemera cyangwa gutesha agaciro izo mpamvu bumaze kuzisuzuma.

### 4. Gukurikiza amategeko agenga umukino (laws of the game)

Usibye ukundi byaba biteganywa n'aya mabwiriza, Amategeko y'umukino (laws of the game) azifashishwa mu irushanwa ni ayashyizweho n'inama nkuru y'ubutegetsi y'umupira w'amaguru (IFAB).

## IGICE CYA KABIRI: KWANDIKISHA AMAKIPE N'ABAKINNYI

### 5: Ibisabwa kugira ngo ikipe yemererwe kwitabira irushanwa

Buri kipe ikina shampiyona y'ikiciro cya mbere n'icya kabiri mu bagabo no mu bagore zitegurwa na FERWAFA igomba kwiyandikisha mu gihe cyagenwe ndetse no mu buryo bugenwa n' Bunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA.

Ikipe zisanzwe ari abanyamuryango ba FERWAFA ariko ku mpamvu zitandukanye zikaba zidakina shampiyona y'umwaka wa 2023-2024 ntizemerewe kwitabira iri rushanwa ry'umwaka wa 2023/2024.

Ikipe zikina shampiyona ya 2023/2024 ariko zikaba zitariyandikishije muri iri rushanwa zizahanishwa kudahabwa inkunga FERWAFA igenera andi makipe. FERWAFA ifite uburenganzira bwo kuyifatira ibindi bihano harimo no kutayiha amafaranga ahabwa amakipe aturutse mu bafatanyabikorwa banyuranye ba FERWAFA.

### 6. Ibisabwa kugira ngo abakinnyi bemererwe kwitabira irushanwa

Abakinnyi bemerewe kwitabira irushanwa ni abari hagati y'imyaka 15 n'imyaka 19. Mu rwego rwo gukuraho urujijo:

- Imyaka umukinnyi agomba kuba atari munsi yayo ni 15 ni ukuvuga ko ari umukinnyi wavutse nibura tariki 01/10/2008 kuzamura.
- Imyaka umukinnyi agomba kuba atarengeje ni 19 ni ukuvuga ko ari umukinnyi wavutse tariki 01/10/2003 kumanura.

Buri kipe igomba gushyikiriza Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA Ibyangombwa by'abakinnyi byerekana imyaka yabo kugira ngo bahabwe impushya zibemerera gukina (license) hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga cyangwa ubundi buryo bwagenwa na FERWAFA. Ibyo byangombwa ni ibi bikurkira :

- Indangamuntu cyangwa se icyemezo cy'umwirondoro wuzuye w'umukinnyi " Identite Complete " ku bakinnyi badafite indangamuntu bitangwa n'urwego rwa Leta rubifitiye ububasha
- Amasezerano hagati y'ikipe n'umukinnyi ku bakinnyi barengeje imyaka 18
- Amasezerano hagati y'ikipe n'umubyeyi cyangwa umurezi ku bakinnyi bari munsi y'imyaka 18
- Ubwishingizi bwo kwivuza bwemewe kandi bufite agaciro bw'umukinnyi
- Ikindi cyangombwa gishobora gusabwa n'ubunyamabanga bukuru igihe bibaye ngombwa.

Buri kipe yemerewe gushyira ku rutonde umubare w'abakinnyi 30 gusa yifashisha mu gihe cy'irushanwa. Icyakora, FERWAFA ifite uburenganzira bwo kugenzura imyaka y'abakinnyi bari ku rutonde rwa buri kipe igihe cyose (ni ukuvuga mbere cyangwa mu gihe cy'irushanwa) hifashishijwe uburyo bwose bushoboka. Ikipe bigaragaye ko yabeshye imyaka y'umukinnyi ihita itakaza umukino kuri mpaga y'ibitego 3-0 kandi igahita isezererwa muri iryo rushanwa bitabujije ko iyo kipe cyangwa abayobozi bayo bashobora gufatirwa ibindi bihano na Komisiyo ishinzwe imyitwarire.

Amakipe yemerewe kongera abakinnyi mugihe cy' imikino yo kwishyura gusa (**Second Leg**) igendeye ku mubare w'abakinnyi basigaye kuri 30 ikipe yemerewe kwandikisha mu irushanwa. Urutonde rw'abakinnyi ikipe yifuza kongeramo rushyikirizwa ubunyambanga bukuru bwa FERWAFA mu ishami rishinzwe amarushanwa mbere y'uko icyiciro cy'imikino yo kwishyura gitangira.

Nta kipe yemerewe kurenza abakinnyi 3 batari abanyarwanda ku rutonde. abo bakinnyi bakorerwa license ari uko berekanye pasiporo (passport) cyangwa ikindi cyangombwa kimuranga cyemewe mu rwego rw'amategeko. Icyakora, abakinnyi banditse mu zindi Federasiyo mu yandi magambo mu bindi bihugu bifuza kwitabira irushanwa bandikwa hakurikijwe amabwiriza agenga

iyandikishwa ry'abakinnyi bari munsi y'imyaka 18 ya FIFA (FIFA Rules on the transfer of minor players). Umukinnyi ufite sitati y'ubuhunzi yemerewe gukina ari uko agaragaje icyangombwa kigaragaza igihe yavukiye cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha.

Nta mukinnyi wemerewe gukina iri rushanwa afite indi license yatanzwe na FERWAFA cyangwa agaragara ku rutonde rw'abakinnyi b'indi kipe yitabira amarushanwa ategurwa na FERWAFA muri uwo mwaka w'imikino. Icyakora abakinnyi bafite license yo kwitabira irushanwa bashobora gukinira amakipe makuru ikipe ishamikiyeho mu marushanwa ikipe nkuru yitabira hashingiwe ku biteganywa n'amabwiriza ya FERWAFA agenga amarushanwa. Ibyo ntibigira ingaruka ku mubare ntarengwa w'abakinnyi b'abanyamahanga bemerewe gukina muri ayo marushanwa yitabirwa n'amakipe makuru.

Buri kipe kandi yemerewe gukinisha abakinnyi batarenze batatu bakinira ikipe nkuru ishamikiyeho mu mukino.

## 7. Ibirebana no guhindura ikipe

Nta mukinnyi wemerewe gukinira ikipe irenze imwe mu irushanwa cyangwa guhindura ikipe hagati mu irushanwa. Ni ukuvuga ko ikipe umukinnyi azatangiriramo irushanwa ari nayo azasorezamo irushanwa, ntibyemerewe gukura umukinnyi mu yindi kipe umujyana mu yindi hagati mu irushanwa.

Guhindura ikipe bikorwa mbere y'uko umukino wa mbere w'irushanwa uba. Nta kipe yemerewe kubuza umukinnyi kuva mu ikipe ajya mu yindi yitwaje amasezerano bafitanye igihe cyose umukinnyi n'umubyeyi we bifuza guhindura iyo kipe cyeretse gusa iyo uwo mukinnyi ahinduye sitati akaba umukinnyi wabigize umwuga (professional status) nibwo ikipe yifuza umukinnyi isabwa kumvikana n'ikipe umukinnyi abarizwamo agifitiye amasezerano naho mu gihe uko guhindura ikipe umukinnyi aguma kugira sitati y'utarabigize umwuga (amateur status) umukinnyi n'umubyeyi cyangwa umurera bafite uburenganzira bwo guhitamo ikipe bipfa gusa gukorwa irushanwa ritaratangira.

Ibibazo byose bishingiye kuri sitati no guhindura amakipe bikemurwa n'ubunyamabanga Bukuru mu ishami ry'amarushanwa. Iyo binaniranye bishyikirizwa Komisiyo ishinzwe amarushanwa mu gihe Komisiyo ishinzwe Sitati y'abakinnyi itarashyirwaho.

# IGICE CYA GATATU: IMITERERE Y'IRUSHANWA

## 8. uburyo irushanwa rizakinwamo

Ku rwego rwa Ligue: hazakinwa imikino ibanza n'iyo kwishyura mu matsinda ashyirwaho n'Ubunyamabanga Bukuru

Uko amakipe azahura kuva ku rwego rwa Ligue kugeza ku rwego rw'igihugu bizagenwa n'Ishami rishinzwe amarushanwa muri FERWAFA hagendewe ku mubare w'amakipe azitabira. Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA kandi buzagena amatariki imikino izaberaho hagendewe ku ngengabihe y'amarushanwa yemejwe na Komite Nyobozi.

## 9. Igihe imikino imara n' umubare w'abakinnyi

| S/N° | IBISOBANURO | YOUTH |
|---|---|---|
| 1. | Abakinnyi ku rutonde rw' abakinnyi | 30 |
| 2. | Umubare w' abakinnyi ntarengwa mu kibuga | 11 |
| 3. | Umubare w' abemerewe gusimbura | 6 |
| 4. | Iminota yo gukina | 45 x 2 |
| 5. | Iminota yo kuruhuka | 15 |

## 10. Ibigenderwaho mu gutondeka amakipe ku rutonde

Ikipe itsinze umukino umwe ibona amanota 3, iyanganyije inota 1, mu gihe iyatsinzwe ibona 0. Ikipe itageze ku kibuga iterwa mpaga y'ibitego 3-0 bishyirwa ku ikipe yateye mpaga. Ibikurikizwa mu kugena uko amakipe azakurikirana ku rutonde ni ibi bikurikira:

- Amanota menshi yabonetse nyuma y'imikino yose
- Ikinyuranyo k'ibitego nyuma y'imikino yose
- Umubare mwinshi w'ibitego byinjiye mu mikino yose

Mu gihe amakipe abiri cyangwa arenze abiri ahuje ibiteganywa mu gika kibanza, kuyakurikiranya hakurikizwa ibi bikurikira:

- Umubare w'amanota yabonetse nyuma y'imikino hagati y'amakipe bireba.
- Ikinyuranyo cy'ibitego hagati y'amakipe bireba nyuma y'imikino yose.
- Umubare munini w'ibitego byinjiye nyuma y'imikino hagati y'amakipe bireba.
- Umubare w'amanota munini ku bijyanye na fair play ugendeye ku makarita y'umuhondo n'umutuku byabonetse mu mikino yose:
  - Ikarita y'umuhondo: Gukuraho inota 1
  - Ikarita itukura (amakarita abiri y'umuhondo): Gukurwaho amanota atatu 3
  - Ikarita itukura y'ako kanya (direct red card): Gukurwaho amanota ane 4
  - Ikarita y'umuhondo n'iy'umutuku by'ako kanya (direct yellow and red card); Gukurwaho amanota 5
- Tombola ikoreshejwe na Komisiyo ishinzwe tekiniki n'iterambere ifite mu nshingano gutegura no gukurikirana irushanwa.

Ibigenderwaho na tómbola y'uburyo imikino yo gukuranwamo ku rwego rwa Ligue cyangwa rw'igihugu (Phase eliminatoire) bigenwa n'Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA mu gihe bibaye ngombwa.

## 11. Ibisabwa mbere y'umukino no kugenzura ibyangombwa by'abakinnyi

Abakinnyi bemerewe kujya ku rupapuro rw'umukino (feuille de match) ntibarenga 18 hamwe n'umubare w'abagize staff technique y'ikipe (batarenze ......)ugenwa mu mabwiriza agenga amarushanwa ya FERWAFA. Uru rupapuro rw'umukino ruhabwa amakipe yose mbere y'uko irushanwa ritangira kandi rugomba kuba rwujujwe uko rwakabaye rugasinywaho n'umutoza



At ma.

w'ikipe urushyikiriza komiseri w'umukino habura isaha ngo umukino utangire. Abasimbura batoranywa mu bakinnyi banditse ku rupapuro rw'umukino kandi bagomba kuba banditse nk'abasimbura mbere yo gutangiza umukino

Buri kipe igomba kwereka abasifuzi licenses z'abakinnyi mbere y'uko umukino utangira kugira ngo hagenzurwe ko bujuje ibisabwa ngo bemererwe gukina.

Ikipe yasuwe isabwa kuba yateguye ikibuga cyujuje ibyangombwa byose bigenwa n'Ishami rishinzwe Tekinike n'iterambere muri FERWAFA harimo nibura:

- Amazamu n'inshyundura zayo,
- imirongo igabanya ikibuga igaragara,
- utudarapo two muri koruneri n'ibindi (corner flags)
- gusiga ikibuga;
- Ikipe yasuwe igomba kureba nimba ntabyakomeretsa abakinnyi biri mu kibuga; ( Amacupa, ibirahuri cyangwa amabuye manini);

Ikipe irenze ku bivugwa muri aya mabwiriza bijyanye n'ibisabwa ku kibuga cyangwa ibindi bisabwa n'urwego rubishinzwe icibwa ihazabu y'amafaranga ibihumbi ijana 100,000 Frw).

## 12. Ibisabwa igihe cy'umukino, Ibyerekeye abakinnyi no gusimbuza

Umukino w'umupira w'amaguru wemewe ntushobora gukinwa utagizwe nibura n'abakinnyi barindwi (7). Ikipe izagera ku kibuga idafite byibuze abakinnyi 7, umusifuzi ntiyemerewe gutangiza umukino bataragera kuri uwo mubare. Iyo igihe cyateganyijwe gutangiriraho umukino kirenzeho iminota 15 abakinnyi 7 bataruzura umusifuzi. Akora raporo akayishyikiriza urwego rwamutumye kuyobora uwo mukino. Nirwo rufata umwanzuro wa nyuma.

Buri kipe yemerewe gusimbuza inshuro zitarenze 3 mu gihe cy'umukino hatabariwemo igihe ikipe ihisemo gusimbuza mu gihe cy'akaruhuko k'igice cya mbere (half-time).

Igihe amakipe yombi asimburije icyarimwe mu gihe cy'umukino, iyo nshuro izabarwa mu nshuro 3 zavuzwe haruguru buri kipe yemerewe.

Iyo umukinnyi utanditse ku rupapuro rw'umukino yinjiye mu kibuga mu gihe cy'umukino, hatangwa ikirego nyuma y'umukino imbere y'umusifuzi, agahamagara kapiteni w'ikipe bahanganye n'umwe mu basifuzi bunganira kugira ngo babikorere inyandiko cyangwa mu bunyamabanga bukuru biciye kuba CTP mu gihe kitarenze amasaha 24 nyuma y'uwo mukino. Ikipe yarezwe iyo igaragaweho amakosa itakaza uwo mukino kabone nubwo yaba yatsinze igihe bigaragaye ko ikirego cyatanzwe cyakiriwe kandi byagaragaye ko gifite ishingiro.FERWAFA ifite uburenganzira bwo gutera mpaga igihe cyose bigaragaye ko hari ikipe yakinishije umukinnyi utemerewe bitagombeye kuba ikirego cyatanzwe.

Umukinnyi asabwa kugumana nimero imwe kuva umukino utangiye kugeza igihe umukino urangiriye. Umukinnyi umuyobozi cyangwa umwe mu bagize staff technique wabonye ikarita z'umuhondo 3 mu mikino itandukanye mu irushanwa asiba umukino ukurikira naho iyo abonye ikarita y'umutuku, asiba umukino ukurikira kabone n'ubwo ikipe ye yaba yatsindiye kujya mu cyiciro cy'irushanwa gikurikira.

## 13. Imyambaro y'abakinnyi

Buri kipe igomba kwitwaza imyambaro ya siporo yabugenewe ifite ibara riranga ikipe bakinira na nimero zigaragara ku mugongo. Ayo mabara agomba kuba azwi kandi yaramenyeshejwe aba CTP mbere yo gutangira irushanwa mu buryo bugenwa n'ubunyamabanga bukuru. Ikipe yasuwe ikinisha imyenda isanzwe yambara yamenyeshejwe igiye cyo gutangira irushanwa. Igihe amabara asanzwe yambarwa n'amakipe agiye gukina asa cyangwa atera kwitiranya amakipe, ikipe yasuye ihindura imyenda yo gukinisha. Igihe umukino ubera Ku kibuga kitari kimwe mu makipe yakinnye, ikipe yavuzwe bwa kabiri niyo ihindura imyenda yo gukinisha.

N.B: Iyo ikipe yitwaje imyenda y`amabara abili, bagasanga rimwe risa n`ikipe yasuwe (home team), irya kabili risa n`iryumuzamu w`ikipe yasuwe (home team), icyo gihe uwo muzamu ashakirwa indi myenda idasa niya away team.

Ikipe yasuye igomba kwitwaza imyambaro ibiri idahuje amabara mu rwego rwo kwirinda guhuza ibara n'ikipe yasuwe. umuzamu ntatuma ikipe ihindura ibara ry'umwambaro. Icyakora, iyo amabara y'ikipe zombi asa, ibara rya kabiri ry'ikipe yasuye(away team) rikaba risa n'iry'umuzamu w'ikipe yasuwe(home team), iyo kipe yasuwe ifite inshingano zo gushakira umuzamu wayo undi mwambaro ufite irindi bara.

Ikipe igomba kugenera abakinnyi ibyo Bambara byabugenewe birinda amaguru (Shinguards) ndetse n'inkweto zagenewe gukina umupira w'amaguru. Ikipe ibirenzeho ifatirwa ibihano na Komisiyo ishinzwe amarushanwa.Gukinana ibintu bishobora gukomeretsa byose birabujijwe.

## 13. Ibyerekeye kwemeza imikino

Kwemeza imikino bikorwa na Komisiyo ishinzwe amarushanwa (Homologation des resultats) mu gihe habayeho impaka zashyikirijwe Ubunyamabanga Bukuru, iyo komisiyo igomba guterana mu gihe cy'amasaha mirongo ine n'umunani.

Mu gihe umukino uhagaritswe n'ibihe bidasanzwe, impamvu zikomeye cyangwa ukwangirika kw'ikibuga hakurikizwa ibiteganywa n'amabwiriza agenga amarushanwa muri FERWAFA.
**(umukino uzakomereza aho wari ugeze).**

Mu gihe umukino uhagaritswe n'ibihe bidasanzwe, impamvu zikomeye cyangwa ukwangirika kw'ikibuga hakurikizwa ibiteganywa n'amabwiriza agenga amarushanwa muri FERWAFA.

Iyo umukino wasubitswe kubera impamvu zumvikana ziteganywa n'amategeko agenga amarushanwa muri FERWAFA ubunyamabanga Bukuru nibwo bugena igihe umukino uzongera gukinirwa, ikibuga n'abasifuzi bagaragaye kuri uwo mukino ntibahinduka cyeretse mu gihe bibaye ngombwa mu bushishozi bwa Komisiyo ibishinzwe.

**IGICE CYA KANE: INSHINGANO ZA FERWAFA N'AMAKIPE**

### 15. Inshingano za_FERWAFA

Mu rwego rwo gutegura no gutunganya neza imigendendekere y'amarushanwa FERWAFA ifite inshingo zikurikira:

- Gutanga ibihembo ku makipe yahize ayandi
- Gutanga amafaranga y'itike n'itumanaho ku ba CTP bazafasha mu gushyira mu bikorwa irushanwa
- Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana igikorwa no gutoranya abakinnyi barusha abandi impano
- Ibihembo by`abasifuzi n`amatike yabo n`aba DTP.

## 16. Inshingano z'amakipe azitabira amarushanwa

- Guteganya ingengo y'imari izakoreshwa mu mikino ku rwego rw'amatsinda muri Ligue bakoreramo
- Gutegura ibindi byose bikenewe kugira ngo bitabire irushanwa no kubahiriza amategeko arigenga
- gukurikirana ko buri mukinnyi afite ubwishingizi bwo kwivuza.
- Gukurikirana umukinnyi wagize impanuka cyangwa imvune
- Kugena imbangukiragutabara ku kibuga. Imbangukiragutabara ni itegeko ku kibuga ku ikipe yakiriye. Iyo itabonetse ikipe yakiriye iterwa mpaga.
- Gushyiraho ingamba z'ubutabazi bw'ibanze (first aid) no kuba ifite umuntu ushinzwe First aid ku kibuga. Iyi ni inshingano za buri kipe ku giti cyayo.
- Gutegura ikibuga hashyirwaho imirongo yabugenewe
- Gushyira inshundura ku mazamu
- Gutanga urutonde rw'abakinnyi ku gihe
- Kwigisha abakinnyi indagangagaciro z'umuco Nyarwanda;
- Kurangwa n'umuco wa **FAIR PLAY**
- Kugira imyenda yabugenewe kandi iriho nimero kuburyo buteganywa n'amategeko y'umupira w'amaguru.
- Kumenyesha inzego z'ibanze n'izishinzwe umutekano ziherereye aho gahunda y'imikino iba yatanzwe na FERWAFA izabera.

- Gushyiraho abashinzwe umutekano bafite impuzankano ibaranga bemewe n'inzego z'gihugu z'umutekano (**Polisi y'igihugu**) kuva umukino utangiye kugeza umukino urangiye.
- Ikipe izaba idafite abashinzwe umutekano ku kibuga iterwa mpaga. Ibibazo byose bijyanye n'umutekano muke bigaragaye ku kibuga byose bibazwa ikipe yakiriye umukino.

## 17. Inshingano n'indangagaciro by'bakinnyi (players)

- Kwimakaza indangagaciro z' umuco nyarwanda na kirazira
- Kubaha ibyemezo by'abagenzuzi b' imikino (**Abasifuzi / Match Officials**), kabone niyo mwaba mutabibona kimwe;
- Kudatera amahane mbere, mu mukino na nyuma y'umukino;
- Kubahiriza amategeko agenga amarushanwa n'umukino muri rusange;
- Kubaha abagenzuzi b'umukino, abatoza n'bakinnyi bo mw'ikipe bakinnye nayo;
- Kutanywa ibiyobyabwenge;
- Kudakoresha imvugo nyandagazi cyangwa kurwana mu kibuga; n'indi mico yose idahwitse
- Kurangwa n' ikinyabupfura (**Fair Play**)

# IGICE CYA GATANU: GUKEMURA IMPAKA N'IBIHANO

## 18. Ibyerekeye gutanga ikirego

Ikipe yifuza gutanga ikirego ibikora mu gihe kitarenze amasaha 24 nyuma y'umukino, kikagaragazwa mu ibaruwa irega iherekejwe n'inyemezabwishyu y'amafaranga 20,000 Frw igezwa ku ba CTP muri ligue izo mpaka zabereyemo. Uwo mukozi afatanyije n'urwego rubishinzwe muri FERWAFA bafata icyemezo mu gihe kitarenze amasaha 48 uhereye igihe icyo kirego cyabagezeho.

## 19. Uburyo bwo gutanga ikirego

Ikipe yifuza gutanga ikirego, yandikira umunyamabanga mukuru wa FERWAFA biciye ku ba CTP, hifashishijwe e-mail cyangwa ubundi buryo bwagenwa n'ubunyamabanga bukuru. ibyo bigakorwa bitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24 hours ) umukino ubaye.

## 20. Ibihano

Haseguriwe ibihano bihabwa ikipe ccyangwa abakinnyi biteganyijwe n'amategeko ngengamyitwarire, ikipe igaragaweho guhindura imyirondoro y'abakinnyi ihanishwa guhagarikwa igihe gisigaye mu irushanwa ndetse n'undi mwaka ukurikiye mu marushanwa yose azategurwa na FERWAFA.Komiseri w'umukino ashobora kugaragaza ibibazo byabonetse ku mukino, ikipe yabiteje igafatirwa ibihano bikwiye. Mu gihe bigaragaye ko hari abakinnyi bahinduye imyirondoro komiseri abimenyesha Ubunyamabanga Bukuru kugira ngo bubishyikirize Komisiyo ishinzwe imyitwarire muri FERWAFA akaba ariyo ifatira abo bakinnyi cyangwa amakipe ibihano bikwiye hakurikijwe ibyo amategeko ateganya.

Ikipe yifuza gusezera mu irushanwa igomba kubimenyesha Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA nibura iminsi 5 mbere y'uko irushanwa ritangira. Komisiyo ishinzwe amarushanwa ifite uburenganzira bwo kugena ikipe isimbura iyasezeye mu irushanwa. Ikipe yasezeye mbere y'uko irushanwa ritangira cyangwa nyuma y'uko irushanwa ritangiye icibwa ihazabu ya miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1, 000, 000 Frw) bitabujije ko ishobora gufatirwa ibindi bihano na Komisiyo ishinzwe imyitwarire hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza bya FERWAFA. Iyo kipe imikino yakinnye, amanota yarifite bihindurwa imfabusa, imikino, amanota n'ibitego by'andi makipe yakinnye nayo nabyo bihita biba imfabusa.

## IGICE CYA GATANDATU: INGINGO ZISOZA

### 21. Ibidateganyijwe muri aya amabwiriza

Ibidateganyijwe muri aya mabwiriza hazitabazwa amategeko agenga amarushanwa ndetse n'andi mategeko ya FERWAFA.

Ibitagengwa n'ay'amategeko bizagenwa na Komisiyo ya tekiniki n 'iterambere muri FERWAFA ifatanyije na Komisiyo ishinzwe amarushanwa ari nayo ishobora kuyavugurura ibisabwe n'ubunyamabanga Bukuru mu gihe cyose bibaye ngombwa hagamijwe imigendekere myiza y'amarushanwa kandi iciye mu mucyo.

Aya mabwiriza azatangira gukurikizwa guhera igihe ashyiriweho umukono.

**Bikorewe i Kigali, ku wa 26/10/2023**

FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION
FERWAFA
B.P 2000 Kigali
Tél: 518525
Fax: 518523

**KALISA Adolphe**

**Umunyamabanga Mukuru**

**MUNYANTWALI Alphonse**

**Perezida/ FERWAFA**